Résidence du Ruanda
Tribunal de Territoire
Aff. Ruhuranzogera na Mukwiye.-

Astrida, le 27/8/56

ASTRIDA
2443

Kuli Bwana Administrateur Assistant, GILLET,

Ndakuramutsa,

Nkulikije ibaruwa yawe nº1412/A.I, yo ku munsi wa 23/8/56, imbaza iby'urubanza rwa Ruhuranzogera na Mukwiye.
Ruhuranzogera yareze mu rukiko rwa Intara Bufundu, ko Mukwiye yanze kumukorera imilimo yabagererwa kandi amtuliye mwisambu.
Mukwiye yireguza kuvuga ko yasabye Kanyangezi, se wa Ruhuranzogera, ikibanza akakimuhera ubuntu aliko bagirana amasezerano yo kuzajya amuha 50 frs mu mwaka kulicyo kibanza, ubwo Mukwiye akamuha 150 frs y'imyaka 3 Kanyangezi arayakira, mu rukiko rwa chefferie bakiza ko Mukwiye azajya atanga100 frs mu kwezi kulicyo kibanza, aliko rwirengagije amasezerano yabaye kuli Kanyangezi nyili isambu wemeye 50 frs mu mwaka.
Tarki 14/7/56 nº342 BF.VI. Mukwiyeajulira mu rukiko rwa Territoire, mu rubanza Ruhuranzogera yemera ko se yakiliye 150 frs y'imyaka 3 bakulikije 50 frs mu mwaka, duc'urubanza ko Ruhuranzogera atsinzwe dukulikije umuco w'Igihugu: ntawukora imilimo y'ibibanza nta mulima ahafite. Aliko nawe atakwica amasezerano yuwahamuhaye.
Dukulikiza nundi muco w'Igihugu: ko nta mwana uvuguruza se ku masezerano yagiranye nuwo yatuje mwisambu ye.
Nta rubanza twaciye rwerekeye parcelle.
Ngiyo na matoleo y'urubanza rwabo.-
Amahoro.-

Juge: Nturo R,

N°342/BF.VI.-
14/7/56
Quitt:22/101
20 frs.-

Urega:Mukwiye. Uregwa:Ruhuranzogera. Impamvu:Arashaka ko
Gasaka Gikongoro. mukorera kandi alikibanza yampereye ubuntu.-
Bufundu Bufundu.-

A/Mukwiye ati icyanteye agahinda nkajulira nuko baciye urubanza ko nsinzwe ngo nzahe Ruhuranzogera 100 frs mu kwezi kandi naragiranye amasezerano na se Kanyangezi,ko nzajya muha 50 frs mu mwaka.Kuko nali nubatse igikali n'igikoni n'umusarani naho ikibanza cy'inzu yakimpereye ubuntu.Nkabeshya,mbandoga Umwami Mutara.
B/Ruhuranzogera ati:Mukwiye yasabye data Kanyangezi,ikibanza basezerana ko azajya amuha 50 frs mu mwaka,ndahali,bukeye mubwira ko tuzajya gusezerana mu rukiko kuko ntali nemeye amasezerano yagiranye na Kanyangezi kuko ali umucuruzi yunguka nanjye agomba kumpakwaho.
Nkabeshya,mbandoga Umwami Mutara.
C/Ibibazo:Ruhuranzogera bati: ntiwemera ko Kanyangezi,yahaye Mukwiye ikibanza akemera kuzajya amuha 50 frs mu mwaka?ati ndabyemera aliko ikintera kuburana nuko data yabigize atabizi kuko ali umusaza.
Bati:Mukwiye ntiyahaye Kanyangezi,150 frs y'imyaka 3?ati yarayamuhaye amwihereranye ntahali.
Mukwiye ati nsabye indishyi y'iminsi 3 najeho mu rukiko.
Ruhuranzogera ati sinshaka ko Mukwiye yubaka cabaret mwisambu yanjye adafite uruhusa rwa Bwana Administrateur.
Guc'urubanza:
Twebwe Abanyarukiko twabonye ko Mukwiye yatsinzwe ku rubanza n°490 rwa tarki 19/6/56 mu rukiko rwa Intara Bufundu akajulilira urukiko rwa Territoire avuga ko ingingo yamujulijearuko baciye urubanza ko atsinzwe ngo azajya aha Ruhuranzogera 100 frs mu kwezi kuko yubatse mwisambu ye kandi yaragiranye amasezerano na se Kanyangezi,ko azajya amuha 50 frs mu mwaka kubera yuko yaramuhaye ikibanza.-
Tumaze kumva ko Ruhuranzogera yemera ko se Kanyangezi,yemeye ko Mukwiye azajya amuha 50 frs mu mwaka aliko we atabyemera kuko se yabyemeye ali umusaza atazi uko ibyo ubucuruzi bigenda kubu adashaka ko Mukwiye aha korera.
Kubera izo mpamvu zose tumaze kumva ababuranyi bombi bahali,urukiko rwa Territoire Astrida:
Rwemeje ko se wa Ruhuranzogera Kanyangezi yahaye Mukwiye ikibanza basezerana ko azajya amuha 50 fr mu mwaka ko nubwo yamuhaye 150 y'imyaka 3.Kuko ababuranyi bombi babyemera.
Rwemeje ko ingingo Ruhuranzogera aburanisha ko se Kanyangezi,yemeye amafranga make 50 frs mu mwaka itakwemerwa kuko aliyo basezeranye ko azajya amuha,ko lero Mukwiye adakwiye guha Ruhuranzogera 100frs yategekewe n'urukiko rubanza kuko ataliyo yasezeranye na se.
Rwemeje ko indi ngingo Ruhuranzogera aburanisha ko Mukwiye adakwiye kubaka aho itemewe kuko se yamuhaye ikibanza bikubitiye ho nuko atalicyo yamureze mu rukiko rubanza ahubwo yaramureze ko aha se amafranga make.
Umugenzo w'Urwanda:ntawe uca ku masezerano ya mbere ngo ahindure ibyo batasezeranye.-
Umwera:Mukwiye. Utsinzwe:Ruhuranzogera azatanga 50 frs y'igihano na 60 frs y'urubanza na 100 frs y'indishyi na 4 frs ya 4% yose hamwe le 2/9/56 Ntayo aratanga.-
Nuko twaruciye mu maso ya Rubanda Astrida le 27/9/56.
Juge:Nturo R. Ass.Gasekurume na Birasa Greffier Gatama Th.

Ndwandukuye uko rwakijijwe none le 27/8/56.-
Gre ffier Sebinego.S.-

R.H.
RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE D'ASTRIDA

Astrida, le 23 août 1956.

. IMPAMVU :
Urubanza rwa RUHURANZOGERA na MUKWIYE.-

N° 1412 /A.I.

Kuli Juge w'Urukiko rwa Territoire
NTURO à Ngoma.-

Waciye urubanza rwa RUHURANZOGERA na MUKWIYE kubyereke parcelle ili i Gikongoro.

Numvise ko waciye urubanza ko MUKWIYE agomba kuzajya aliha RUHURANZOGERA amafranga 60 mumwaka kuko acururiza kuliyo parcelle.

Kuko bibujijwe gucururiza kuliyo parcelle, ndashaka ko unyohererereza matoleo yurwo rubanza.

Pour l'Administrateur de Territoire,
L'Administrateur Territorial Assistant,
GILLET A,